

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/37 RYO KU WA 30/10/2015 RIGENA AMATEGEKO AGENGA UMWUGA W'ABAHANGA MU BY'IMITI

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba

UMUTWE WA II: IMYITWARIRE Y'ABAHANGA MU BY'IMITI

Ingingo ya 3: Ubuzima n'mibereho myiza y'abagana abahanga mu by'imiti

Ingingo ya 4: Kurinda ibanga ku makuru wamenye

Ingingo ya 5: Kurinda icyubahiro n'icyizere by'umwuga mu banyagihugu

Ingingo ya 6: Gufata ibyemezo mu bwisanzure kandi mu nyungu z'abamugana

Ingingo ya 7: Gukangurira abagana umuhanga mu by'imiti kugira uruhare mu gufata ibyemezo birebana n'ubuvuzi bwabo

Ingingo ya 8: ubumenyi bw'umwuga kandi bujyanye n'igihe

MINISTERIAL ORDER N°20/37 OF 30/10/2015 DETERMINING THE CODE OF ETHICS FOR PHARMACY PROFESSION

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Scope of application

CHAPTER II: ETHICS FOR PHARMACY PROFESSIONALS

Article 3: Health and welfare of clients and community

Article 4: Protection of confidential information

Article 5: Reputation and public trust of the profession

Article 6: Exercise professional judgement in the interest of the public

Article 7: Encourage clients to participate in decisions about their healthcare plan

Article 8: contemporary professional knowledge

ARRETE MINISTERIEL N°20/37 DU 30/10/2015 PORTANT CODE DE DEONTOLOGIE DE L'ART PHARMACEUTIQUE

TABLE DE MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Champ d'application

CHAPITRE II: ETHIQUE POUR LES PROFESSIONNELS EN PHARMACIE

Article 3: Santé et bien-être des clients et la communauté

Article 4: Protection des informations confidentielles

Article 5: Bonne réputation et la confiance du publique vis-à-vis de la profession

Article 6: Prise de décisions en toute liberté et dans l'intérêt du public

Article 7: Encourager le patient à participer à la prise de décisions concernant les soins de santé

Article 8: Maintenir à jour la connaissance professionnelle moderne

<b><u>Ingingo ya 9:</u> Gukorana ubunyangamugayo n'ubudakemwa</b>	<b><u>Article 9:</u> Professional accountability</b>	<b><u>Article 9:</u> Responsabilité professionnelle</b>
<b><u>UMUTWE WA III:</u> IMIKORANIRE N'ABAHANGA MU BY'UBUVUZI</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> COLLABORATION WITH HEALTH PROFESSIONALS</b>	<b><u>CHAPITRE III:</u> COLLABORATION AVEC LES PROFESSIONNEL DE SANTE</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Imikoranire n'abo bahuje umwuga</b>	<b><u>Article 10:</u> Collaboration with colleagues</b>	<b><u>Article 10:</u> Assistance et soutien aux collègues</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Imikoranire n'abandi bahanga mu by'ubuvuzi</b>	<b><u>Article 11:</u> Collaboration with other health professionals</b>	<b><u>Article 11:</u> Collaboration avec les autres professionnels de la santé</b>
<b><u>UMUTWE WA IV:</u> UBURENGANZIRA BW'ABAGANA UMUHANGA MU BY'IMITI</b>	<b><u>CHAPTER IV:</u> RIGHTS OF CLIENTS</b>	<b><u>CHAPITRE IV:</u> DROIT DES CLIENTS</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Uburenganzira bwo gufata icyemezo cyo kuvurwa</b>	<b><u>Article 12:</u> Right to make a decision relating to treatment</b>	<b><u>Article 12:</u> Droit de prendre une décision relative au traitement</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Uburenganzira bwo kubaza cyangwa kugaragaza impungenge</b>	<b><u>Article 13:</u> Right to raise concern or complaint</b>	<b><u>Article 13:</u> Droit de soulever une plainte ou une préoccupation</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Uburenganzira ku ibanga ry'amakuru y'ugana umuhanga mu by'imiti</b>	<b><u>Article 14:</u> Right to confidentiality of personal information</b>	<b><u>Article 14:</u> Droit à la confidentialité des renseignements personnels</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Uburenganzira bwo gukomeza kwitabwaho</b>	<b><u>Article 15:</u> Right to continuity of care</b>	<b><u>Article 15:</u> Droit à la continuité des soins</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka</b>	<b><u>Article 16:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 16:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 17:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 17:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/37 RYO KU WA 30/10/2015 RIGENA AMATEGEKO AGENGA UMWUGA W'ABAHANGA MU BY'IMITI**

**Minisitiri w'Ubuzima;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruzwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'ya 201;

ashingiye ku itegeko n° 45/2012 ryo ku wa 14/01/2013 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'urugaga rw'abahanga mu by'imiti, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 04/05/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

Iri teka risesengura indangagaciro z'ubuhanga mu by'imiti, ibipimo by'ubunyamugayo bw'umuhanga mu by'imiti ku bamugana. Rishyizweho kugira ngo ifashe abahanga mu by'imiti kunoza umwuga wabo.

**MINISTERIAL ORDER N° 20/37 OF 30/10/2015 DETERMINING THE CODE OF ETHICS FOR PHARMACY PROFESSION**

**The Minister of Health;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 45/2012 Of 14/01/2013 on organization, functioning and competence of the council of pharmacists especially in Article 42;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 04/05/2015;

**ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order articulates the values of the pharmacy profession and expected standards of behaviour of pharmacy professionals to clients and the society. It is designed to guide and support professional practice of all pharmacy professionals.

**ARRETE MINISTERIEL N° 20/37 DU 30/10/2015 PORTANT CODE DE DEONTOLOGIE DE L'ART PHARMACEUTIQUE**

**Le Ministre de la Santé;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 45/2012 du 14/01/2013 déterminant organisation, fonctionnement et compétences de l'Ordre des pharmaciens spécialement dans son article 42;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres en sa séance du 04/05/2015;

**ARRETE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté énonce les valeurs de la profession de pharmacien et les normes de comportement des professionnels de la pharmacie aux clients et la société. Il est conçu pour guider et soutenir la pratique professionnelle de l'ensemble des professionnels de la pharmacie.

**Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba**

Iri teka rireba abahanga mu by'imiti bakora umwuga w'abuhanga mu by'imiti mu Rwanda.

**UMUTWE WA II: IMYITWARIRE Y'ABAHANGA MU BY'IMITI**

**Ingingo ya 3: Ubuzima n'imibereho myiza y'abagana abahanga mu by'imiti n'abaturage**

Umuhanga mu by'imiti agomba kwitwararika ubuzima n'imibereho myiza y'abamugana n'abaturagemuri rusange akabigira inshingano y'ibanze.

Umuhanga mu by'imiti agomba kugura imiti cyangwa ibindi byose bikoreshwa mu buvuzi byujuje ubuziranenge mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bwiza bw'abamugana.

**Ingingo ya 4: Kurinda ibanga ku makuru wamenye**

Umuhanga mu by'imiti agomba kugira ibanga ku makuru yamenyeye mu kazi ke ryerekeranye n'abamugana.

Icyakora, ayo makuru ashobora gutangwa gusa icyo:

**Article 2: Scope of application**

This Order applies to pharmacy professionals who practice pharmacy profession in Rwanda.

**CHAPTER II: ETHICS FOR PHARMACY PROFESSIONALS**

**Article 3: Health and welfare of clients and community**

A pharmacy professional must make health and welfare of clients and community his/her prime concern.

A pharmacy professional must purchase medicines or any other health commodities that comply with high quality to guarantee safety and efficacy of products supplied to clients.

**Article 4: Protection of confidential information**

A pharmacy professional must respect the confidentiality of information relating to clients acquired in the course of professional practice.

However, such information may be disclosed only if:

**Article 2: Champ d'application**

Le présent arrêté s'applique aux professionnels en pharmacie qui pratiquent l'art pharmaceutique au Rwanda.

**CHAPITRE II: ETHIQUE POUR LES PROFESSIONNELS EN PHARMACIE**

**Article 3: Santé et bien-être des clients et la communauté**

La principale préoccupation du professionnel en pharmacie doit être la santé et le bien-être des clients et de la communauté.

Un professionnel de la pharmacie doit s'approvisionner en médicaments ou d'autres produits de santé qui sont conformes aux normes de qualité pour garantir la sécurité et l'efficacité des produits fournis aux clients.

**Article 4: Protection des informations confidentielles**

Un professionnel de la pharmacie doit respecter la confidentialité des informations relatives aux clients acquises dans le cadre de la pratique professionnelle.

Cependant, ces informations peuvent être fournies si:

*Official Gazette n°48 of 30/11/2015*

- |  |   |   |
|--|---|---|
| 1° ugana umuhanga mu by'imiti abiyemereye;   | 1° the client gives his/her consent;  | 1° le client donne son consentement;  |
| 2° kutayatanga byagira ingaruka mbi ku buzima bwa nyirayo cyangwa ubw'abandi;                    | 2° the health of the client or of others is at risk;  | 2° la santé du client ou d'autres personnes est à risque;   |
| 3° bisabwe n'umuyobozi ubifiye ububasha ahabwa n'amategeko cyangwa undi muntu ubifiye ububasha ; | 3° it is required by a legally authorized official or by any other person with powers of attorney ; | 3° elle est requise par un fonctionnaire autorisé par la loi ou par toute autre personne ayant autorité légale de procuration ; |
| 4° icyemezo cy'urukiko gitegeka ko ayo makuru atangwa;   | 4° the court decision orders the release of such information;                                       | 4° la décision d'une juridiction ordonne la divulgation de tels renseignements;   |
| 5° ahawe uhagarariye umurwayi mu rwego rw'amategeko.   | 5° where the information is released to any person who legally represents the patient.              | 5° l'information est fournie à toute personne qui représente légalement le patient.   |

**Ingingo ya 5: kurinda icyubahiro n'icyizere by'umwuga mu banyagihugu**

Umuhanga mu by'imiti agomba:

- 1° kugaragaza ubunyamwuga n'ubunyangamugayo mu byo akora;
- 2° kubaha no kubungabunga icyizere abamugana n'abandi bantu muri rusange bafitiye umwuga;
- 3° gutanga ku bushake bwe, amakuru nyayo, yizewe kandi ya ngombwa mu buryo busobanutse afite akamaro kandi ayobora abamugana.

**Ingingo ya 6: Gufata ibyemezo mu bwisanzure kandi mu nyungu z'abamugana**

Umuhanga mu by'imiti agomba:

**Article 5: Reputation and public trust of the profession**

A pharmacy professional must:

- 1° demonstrate accepted standards of professional and personal behaviour;
- 2° respect the trust that clients and the society place on him or her;
- 3° willingly provide accurate, truthful and relevant information in a form that is appropriate for and not misleading to clients.

**Article 6: Exercise professional judgement in the interest clients and the public**

A Pharmacy Professional must:

**Article 5: Bonne réputation et la confiance du public vis-à-vis de la profession**

Un professionnel de la pharmacie doit:

- 1° démontrer les normes admises au comportement professionnel et personnel;
- 2° respecter la confiance que les clients et la société place dans la profession ;
- 3° fournir de son gré des informations exactes, véridiques et pertinentes sous une forme appropriée et qui ne détourne pas les clients.

**Article 6: Prise de décisions en toute liberté et dans l'intérêt des clients et du public**

Un professionnel de pharmacie doit:

*Official Gazette n°48 of 30/11/2015*

1° gufata icyemezo mu kazi ke kandi akabigira ashyize imbere inyungu z'abamugana na rubanda;

2° kwitwararika ko ibyemezo bijyanye n'umwuga afashe bidashingiye ku nyungu z'ubucuruzi.

1° exercise his/her professional judgment and act in the best interest of clients and the public;

2° ensure that his/her professional judgment is not impaired by any commercial interests.

1° prendre une décision en rapport avec sa profession et ce, dans le meilleur intérêt des clients et du public;

2° assurer que la décision prise ne soit pas compromise par des intérêts commerciaux.

**Ingingo ya 7: Gukangurira abagana umuhanga mu by'imiti kugira uruhare mu gufata ibyemezo birebana n'ubuvuzi bwabo**

Umuhanga mu by'imiti agomba:

1° buri gihe kugenera umurwayi cyangwa umurwaza we umwanya wo gufata ibyemezo byerekeranye no kuvurwa kwe;

2° buri gihe guha umurwayi cyangwa umurwaza we amakuru ya ngombwa kandi akenewe yerekeranye no kuvurwa kwe.

**Article 7: Encourage clients to participate in decisions about their healthcare plan**

A pharmacy professional must:

1° at all times involve a client in the decision making of his/her treatment;

2° always provide the client with any relevant and appropriate information regarding his or her treatment.

**Article 7: Encourager les clients à participer à la prise de décisions concernant les soins de santé**

Un professionnel de pharmacie doit:

1° à tout moment impliquer son client dans la prise de décision sur son traitement;

2° toujours fournir au client toutes les informations pertinentes et appropriées en ce qui concerne son traitement.

**Ingingo ya 8: ubumenyi bw'umwuga kandi bujyanye n'igihe**

Umuhanga mu by'imiti agomba:

1° guhora afite ubumenyi bw'umwuga bujyanye n'igihe mu rwego rwo kurangiza neza inshingano ze;

2° kumenya akamaro ko guhora yihugura mu mwuga, kwisuzuma cyangwa ahugurwa n'abandi mu rwego rwo kwongera ireme

**Article 8: contemporary professional knowledge**

A pharmacy professional must:

1° maintain a contemporary knowledge in pharmacy practices in order to fulfil his / her responsibilities;

2° recognize the benefits of continuous professional development, self-assessment,

**Article 8: Maintenir à jour la connaissance professionnelle moderne**

Un professionnel de pharmacie doit:

1° maintenir à jour ses connaissances professionnelles afin de remplir ses responsabilités;

2° reconnaître les avantages de l'auto-évaluation, examen ou évaluation par

*Official Gazette n°48 of 30/11/2015*

ry'ibyo akora hamwe no kwakira ibiva muri iryo suzuma;

appraisal or peer review, of professional performance and respond appropriately to the outcomes;

d'autres, de la performance professionnelle et répondre de manière appropriée aux résultats;

3° gukoresha ubuhanga n'ubumenyi bye nk'uko bigomba kandi bikamufasha kubahiriza inshingano ze.

3° apply his/her knowledge and skills appropriately for the professional development and advancement.

3° appliquer ses connaissances et compétences de manière appropriée pour le développement professionnel.

**Ingingo ya 9: Uburyozwe bwo mumwuga**

**Article 9: Professional accountability**

**Article 9: Responsabilité professionnelle**

Umuhanga mu by'imiti agomba:

A pharmacy professional must:

Un professionnel de pharmacie doit:

1° gukora umwuga mu bwisanzure busesuye kandi yirinda amakimbirane ashingiye ku nyunguze bwite;

1° exercise professional autonomy, objectivity and independence, and avoid actual and potential situations of conflict of interest;

1° exercer sa profession avec autonomie, objectivité et indépendance, et éviter les situations réelles et potentielles de conflit d'intérêts;

2° kwitwara mu buryo bugaragara ko ari we witirirwa akanabazwa ibyemezo byose yafashe n'ibikorwa byerekeranye n'umwuga;

2° behave in a manner which makes it clear that he / she is responsible and accountable for all decisions made and actions taken in professional practice;

2° se comporter d'une manière qui indique clairement qu'il est responsable de toutes décisions et mesures prises dans la pratique professionnelle;

3° gutanga amakuru muri bagenzi be hagendewe ku nshingano za buri muntu n'umurongo w'itangwa ry'amakuru;

3° communicate with team members regarding each person's sphere of responsibility and line of reporting;

3° communiquer avec les membres de l'équipe en ce qui concerne le domaine de la responsabilité et voie de reportage;

4° kubungabunga imikorere myiza iganisha ku kuzamura ireme ry'ibikorwa by'ubuzima bitabangamira ubuzima bw'abamugana cyangwa bagenzi be;

4° ensure that the working environment and conditions are conducive to the optimal delivery of health care services and do not present a risk to the safety and care of clients or colleagues;

4° s'assurer que l'environnement et les conditions de travail soient propices à la prestation optimale des services de soins de santé et ne présentent pas un risque pour la sécurité et les soins de clients ou collègues;

5° gusubiza ibibazo no kunengwa mu kinyabupfura n'ubunyamugayo biranga

5° respond to complaints and criticisms with honesty, transparency and professional

5° répondre aux plaintes et critiques avec honnêteté, transparence et courtoisie

umunyamwuga;

courtesy;

professionnelle;

6° kubazwa ku giti cye ibisabwa n'amategeko n'ibisabwa mu mwuga.

6° be personally accountable for compliance with all legal and professional requirements.

6° être responsable de la conformité à toutes les exigences légales et professionnelles de sa profession.

**UMUTWE WA III: IMIKORANIRE N'ABAHANGA MU BY'UBUVUZI**

**CHAPTER III: COLLABORATION WITH HEALTH PROFESSIONALS**

**CHAPITRE III: COLLABORATION AVEC LES PROFESSIONNELS DE SANTE**

**Ingingo ya 10: Imikoranire n'abo bahuje umwuga**

**Article 10: Collaboration with colleagues**

**Article 10: Assistance et soutien aux collègues**

Umuhanga mu by'imiti agomba guha abo bahuje umwuga ubufasha cyangwa inama ijyanye n'umwuga mu gihe bibaye ngombwa.

A pharmacy professional must provide assistance or professional advice to professional colleagues if considered necessary.

Un professionnel de pharmacie doit fournir une assistance ou des conseils professionnels aux collègues en cas de besoin.

**Ingingo ya 11: Imikoranire n'abandi bahanga mu by'ubuvuzi**

**Article 11: Collaboration with other health professionals**

**Article 11: Collaboration avec les autres professionnels de santé**

Umuhanga mu by'imiti agomba:

A pharmacy professional shall:

Un professionnel de la pharmacie doit:

1° gukora umwuga mu bwisanzure kandi akamenya aho ubufasha bwe bugarukira igihe atanga ubufasha n'inama ku bandi bahanga mu by'ubuvuzi;

1° exercise professional independence and judgment and be cognizant of own scope of professional practice when providing support and advice to other health professionals;

1° exercer librement son jugement et sa profession et être conscient de son propre champ d'application professionnelle lorsqu'il soutient ou dispense des conseils à d'autres professionnels de la santé ;

2° kubaha no kumva ibitekerezo n'ubumenyi by'abandi bahanga mu by'ubuvuzi;

2° respect and understand the expertise of other health professionals;

2° respecter et comprendre l'expertise d'autres professionnels de santé ;

3° kugisha inama no gukorana n'abandi bahanga mu by'ubuvuzi mu kuzuza ibyifuzo by'abamugana;

3° consult and cooperate with other health professionals to achieve expected health outcomes for clients;

3° consulter et collaborer avec d'autres professionnels de santé afin d'obtenir des résultats bénéfiques au client;



4° gushyiraho uburyo bw'imikoranire no kubahiriza inzira zo gutanga amakuru zumvikanyweho n'abandi bahanga mu by'ubuvuzi mu rwego rwo kugera ku kigambiriwe.

4° establish good working relationships and promote agreed communication paths with other health professionals to enable the delivery of best possible outcomes.

4° établir des bonnes relations de travail et promouvoir une communication effective avec d'autres professionnels de la santé pour permettre l'obtention des meilleurs résultats dans la prestation des soins.

**UMUTWE WA IV : UBURENGANZIRA BW'ABAGANA UMUHANGA MU BY'IMITI**

**CHAPTER IV: RIGHTS OF CLIENTS**

**CHAPITRE IV: DROIT DES CLIENTS**

**Ingingo ya 12: Uburenganzira bwo gufata icyemezo cyo kuvurwa**

**Article 12: Right to make a decision relating to treatment**

**Article 12: Droit de prendre une décision relative au traitement**

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo gufata icyemezo ku birebana n'ivurwa rye.

A client shall be entitled to the right to make decisions on his/her treatment.

Un client a le droit de prendre des décisions sur son traitement.

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo kubona amakuru n'inama kugirango afashe mu byemezo bifatwa.

A client shall be entitled to the right to access relevant information and advice to ensure that an informed decision is made.

Un client a le droit d'accéder à des informations et des conseils pertinents pour s'assurer qu'une décision éclairée soit prise.

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo kwanga ubuvuzi, inama cyangwa kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose.

A client shall be entitled to the right to refuse treatment, care or advice, or to withdraw consent at any time. Where a client refuses treatment or withdraws consent to use a given medication, after receiving full information from a pharmacy professional, the client shall be required to sign on a note indicating reasons for the refusal or withdrawal of consent.

Un client a le droit de refuser un traitement, des soins ou des conseils, ou de retirer son consentement à tout moment. Quand un client refuse le traitement ou retire son consentement à l'usage du médicament, après avoir reçu l'information complète du professionnel de la pharmacie, le client sera demandé d'apposer sa signature à un formulaire stipulant les raisons de son refus ou retrait.

Igihe yanze kuvurwa cyangwa akisubiraho ntafate imiti, amaze kumva inama zihagije z'umuhanga mu b'imiti, ugana pharmacy azasabwa gusinya ku rupapuro rwerekana impamvu zatumye yanga kuvurwa cyagwa zo kwisubiraho kwe.

**Ingingo ya 13: Uburenganzira bwo kubaza cyangwa kugaragaza impungenge**

**Article 13: Right to raise concern or complaint**

**Article 13: Droit de soulever une plainte ou une préoccupation**

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira ku buzima bwe bwite n'ubwo kubaza cyangwa kugaragaza impungenge ku buryo yitaweho, imiti

A client is entitled to the right to raise concern or complaint on the care, medication or services

Un client a le droit de soulever une préoccupation ou une plainte sur les soins, les médicaments ou

n'ubundi bufasha yahawe.

offered to him / her.

autres services fournis aux clients.

**Ingingo ya 14: Uburenganzira ku ibanga ry'amakuru y'ugana umuhanga mu by'imiti**

**Article 14: Right to confidentiality of personal information**

**Article 14: Droit à la confidentialité des renseignements personnels**

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo kubikirwa ibanga ku makuru ajyanye n'uburwayi bwe yamenywe n'umuhanga mu by'imiti.

A client is entitled to the right to privacy and confidentiality of information that has come to the knowledge of the pharmacy professional.

Un client a droit à la vie privée et la confidentialité de l'information parvenue à la connaissance du professionnel en pharmacie.

**Ingingo ya 15: Uburenganzira bwo gukomeza kwitabwaho**

**Article 15: Right to continuity of care**

**Article 15: Droit à la continuité des soins**

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo gukomeza kwitabwaho. icyakora, umuhanga mu by'imiti agomba, mu gihe bibaye ngombwa, gufasha no kurangira uwamuganywe undi muhanga mu by'imiti kugira ngo akomeze kwitabwaho mu bijyanye n'ubufasha yari asanzwe ahabwa.

A client is entitled to the right of continuity of care. However, a pharmacy professional must, if considered necessary, assist and refer a client to another pharmacy professional in order to maintain continuity of service and care.

Un client a droit à la continuité des soins. Toutefois, un professionnel en pharmacie doit, s'il le juge nécessaire, aider et orienter un client à un autre professionnel en pharmacie afin de maintenir la continuité de service et de soins.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 16: Repealing provision**

**Article 16: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 17: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 17: Commencement**

**Article 17: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n°48 of 30/11/2015*

Kigali, ku wa 30/10/2015

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minisitiri w'Ubuzima

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 30/10/2015

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minister of Health

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 30/10/2015

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnès**  
Ministre de la Santé

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux